Inyandiko ngenderwaho ku bakandida biyamamaza ku mwanya w'Umujyanama w'Akarere

0. Intangiriro

Komisiyo y'Igihugu y'Amatora yongeye kwibutsa abakandida ku mwanya w'Umujyanama mu Nama Njyanama y'Akarere ko kwiyamamaza bizakorwa kuva ku wa 07 kugeza ku wa 21 Ugushyingo 2026, hakurikijwe amategeko n'amabwiriza agenga amatora. Iyi nyandiko ikubiyemo ibyo buri mukandida asabwa kumenya no kubahiriza.

1. Amatariki y'ingenzi

Imyanya y'Abajyanama 13 igabanyijemo Abajyanama rusange 8 n'Abajyanama b'abagore 5 (30%). Aya ni amatariki ukwiye kwibuka:

Itariki	Igikorwa
07–21/11/2026	Kwiyamamaza kw'abakandida
17/11/2026	Itora ry'Abajyanama 5 b'abagore bangana na 30% by'abagize Inama Njyanama
21/11/2026	Itora ry'Abajyanama rusange 8

2. Inteko itora

Abajyanama b'Akarere batorwa mu buryo buziguye kandi mu ibanga, n'Inteko itora yihariye kuri buri cyiciro.

Inteko itora Abajyanama rusange igizwe na:

- Abagize Biro z'Inama Njyanama z'Utugari tugize Akarere;
- Abagize Inama Njyanama z'Imirenge igize Akarere;
- Abagize Komite Nyobozi y'Inama y'Igihugu y'Abagore ku rwego rw'Akarere;
- Abagize Komite Nyobozi y'Inama y'Igihugu y'Urubyiruko ku rwego rw'Akarere;
- Abagize Komite Nyobozi y'Inama y'Igihugu y'Abantu bafite Ubumuga ku rwego rw'Akarere;
- Abagize Komite y'Abikorera ku rwego rw'Akarere.

  (Ingingo ya 7, Iteka rya Perezida)

Inteko itora Abajyanama b'Abagore (30%) igizwe na:

- Abagize Inama Njyanama z'Imirenge igize Akarere;

- Abagize Komite Nyobozi y'Inama y'Igihugu y'Abagore ku rwego rw'Imirenge igize Akarere;
- Abagize Komite Nyobozi y'Inama y'Igihugu y'Abagore ku rwego rw'Akarere.

(Ingingo ya 8, Iteka rya Perezida)

3. Uko wemerewe kwiyamamaza no guhagararirwa

Ibyo wemerewe gukora mu kwiyamamaza:

- Gukoresha inyandiko zimanikwa n'ibindi bimwamamaza bitanyuranyije n'amategeko;
- Kwiyamamaza mu bitangazamakuru no gukoresha ikoranabuhanga (imbuga nkoranyambaga);
- Kumanika amafoto n'ibindi bimwamamaza ahemewe, nk'uko bigaragara hepfo;
- Ku munsi w'itora, kwiyamamaza ku giti cyawe imbere y'Inteko itora, mu gihe kitarenze iminota itanu (5), ahantu n'igihe Komisiyo yagennye.

(Ingingo ya 28, Itegeko Ngenga rigenga amatora)

Aho ibikorwa byo kwiyamamaza bikorerwa: Komisiyo ni yo igena ahantu n'igihe ibikorwa byo kwiyamamaza imbere y'abagize Inteko itora bikorerwa. Muri aya matora, nta kwiyamamaza imbere y'Inteko kuzabaho bikozwe n'umukandida wabiteguye ku giti cye.

Ibyitabwaho mu kumanika ibyamamaza abakandida: Umukandida wifuza kumanika ibimwamamaza imbere mu Gihugu abikora ku giti cye cyangwa bigakorwa n'umwamamaza, bakubahiriza ibyagenwe n'ubuyobozi bw'Akarere cyangwa ubw'Umurenge, cyangwa ibyo yumvikanye na nyir'ibyo agiye kumanikaho ibimwamamaza.

Ahemewe kumanikwa ibyamamaza abakandida:

- Ku nyubako za Leta kandi hagenwa n'ubuyobozi bw'Akarere cyangwa ubw'Umurenge;
- Ku nyubako z'abantu ku giti cyabo, byumvikanyweho na ba nyirazo;
- Ku binyabiziga by'abantu ku giti cyabo, byumvikanyweho na ba nyirabyo;
- Ku bindi bintu by'abantu ku giti cyabo, byumvikanyweho na ba nyirabyo.

Ahatemewe kumanikwa ibyamamaza abakandida:

- Ku mavuriro;
- Ku mashuri;

- Ku nsengero;
- Ku ngoro z'ubutabera;
- Ku nkingi z'amashanyarazi, uretse iziriho ibyapa byagenewe kwamamaza hakurikijwe amabwiriza abigenga.

Guhagararirwa mu kwiyamamaza cyangwa mu gihe cy'itora: Umukandida wifuza guhagararirwa yandikira Perezida wa Komisiyo amumenyesha uzamuhagararira, nibura amasaha 48 mbere y'uko igikorwa gitangira.

Uwemerewe guhagararira umukandida agomba kuba:

- Ari Umunyarwanda;
- Yujuje imyaka 18 y'amavuko;
- Yanditswe ku ilisiti y'itora;
- Adafite imiziro imubuza gutora;
- Afite ikarita ndangamuntu cyangwa ikindi cyemezo kiyisimbura gifite agaciro.
- Uhagarariye umukandida yerekana icyemezo cyo guhagararira, gifite imiterere iri ku mugereka wa 2 w'Amabwiriza ya Komisiyo y'Igihugu y'Amatora No 001/NEC/26 yo ku wa 01/10/2026. *(Ingingo ya 36, Amabwiriza)*

4. Ibyo ubujijwe n'ibihano

Umukandida abujijwe:

- Kumanika amafoto, inyandiko no gukorera ibindi bikorwa byo kwiyamamaza ahatabigenewe cyangwa ahatemewe (reba igice cya 3);
- Kwiyamamaza mu izina ry'Umutwe wa Politiki;
- Gukoresha ibiranga Igihugu n'ibiranga imitwe ya politiki ku mafoto n'inyandiko zimwamamaza;
- Gukoresha umutungo wa Leta, aho waba uri hose, mu buryo bunyuranyije n'amategeko;
- Gutuka cyangwa gusebya mu buryo ubwo ari bwo bwose undi mukandida;
- Gukoresha ruswa;
- Gushingira ku ivangura iryo ari ryo ryose cyangwa amacakubiri.

  (Ingingo ya 29 n'iya 112, Itegeko Ngenga rigenga amatora)

Icyemezo gifatirwa uwiyamamaza mu buryo bunyuranyije n'amategeko ni ukwihanangirizwa cyangwa gukurwa ku ilisiti y'abakandida. *(Ingingo ya 136, Itegeko Ngenga rigenga amatora)*

5. Umunsi w'itora no gutsinda

Amatora atangira **saa tatu za mu gitondo (09h00),** mu gihe hari nibura ubwiganze burunduye bw'abagize Inteko itora, kandi ntarenza saa kumi n'ebyiri z'umugoroba (18h00). Aho itora rizabera muzahamenyeshwa na Komisiyo y'Igihugu y'Amatora. *(Ingingo ya 38, Amabwiriza; ingingo ya 43, Itegeko Ngenga)*

Umukandida atsinda ku buryo bukurikira:

Itora ry'Abajyanama rusange: Abakandida umunani (8) ba mbere nibo batsinda;

Itora ry'Abajyanama b'abagore (nibura 30%): Abatarenze batanu (5) ba mbere nibo batsinda.

6. Amategeko n'amabwiriza yo kwifashisha

- Itegeko Ngenga n° 002/2026.OL ryo ku wa 25/05/2026 rigenga amatora — https://shorturl.at/SrcwJ
- Itegeko nº 065/2021 ryo ku wa 09/10/2021 rigenga Akarere — https://sl1nk.com/fj559ba
- Iteka rya Perezida n° 045/01 ryo ku wa 03/08/2026 ryerekeye amatora y'abayobozi b'inzego z'imitegekere y'Igihugu zegerejwe abaturage — https://shorturl.at/dEXWn
- Amabwiriza ya Komisiyo y'Igihugu y'Amatora No 001/NEC/26 yo ku wa 01/10/2026 — https://shorturl.at/t9hzi

Komisiyo y'Igihugu y'Amatora ibifurije kwiyamamaza neza no kuzatsinda.

Amahirwe masa!